	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda	Kode y'inyandiko: 41KR164I173v2
	IGICE CYA 4 : UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe Kanama 2009
TEKINIKI ZO GUHINGA KIJYAMBERE : IBIRETI		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inyandiko	AJENDA Y'UBUHINZI/MINAGRI

Itariki inyandiko yasohokeyeho	2008-2009

Umubare w'amapagi	3

IBIRETI

1. Aho ibireti bihingwa : bihingwa cyane mu turere tw'amakoro.

2. Ubutaka : igihingwa gikunda ubutaka buhitisha amazi kandi budacuramye cyane.

3. Amoko yamamazwa : hari Nyiragahini, Capita chef, Kinigi, Bonde, Susa na HAT 1-8.

4. Gutegura umurima

Umurima uhingwamo ibireti ugomba kuba wararwanyijweho isuri kandi uhinze neza.

5. Gufumbira :

Bashyiraho toni 12 z'ifumbire y'imborera iboze neza mbere yo gutera.

6. Igerambuto

Umuhinzi akoresha ibishibu ariko n'ingemwe zateguriwe muri pepiniyeri ashobora kuzikoresha.

Atera kuri cm 60 kuri cm 80 mu mayogi ashashe ku mirongo ine itandukanyijwe na m 1.
Igihe cyitera: ni Werurwe na Gicurasi.

7. Gufata neza ibireti mu mirima

Imirimo y'ingenzi igomba gukorwa:
* gusimbura ingemwe zitafashe, kubagara,
* gusasira no gukata
* Kurwanya indwara n'ibyonnyi hakoreshejwe amoko yihanganira indwara no gutera imiti.

8. Ibyonnyi n'indwara by'ingenzi byangiza Ibireti

Ibyonnyi:
a) Utuyoka duto tw'ibireti: utwo tuyoka batwita Meloidogyne spp. Tugira mm 1 kugeza kuri mm 2 kandi tuba mu butaka.

Ibimenyetso
Iyo utwo dukoko tumaze kwinjira mu mizi, imizi irabyimba cyangwa hakaza uduheri. Iyo bikabije imizi ihagarara gukura bityo igihingwa kikagwingira.

Uburyo bwo karwanya no kugakumira:
Mu kurwanya izo nzoka, umuhinzi atera imbuto nzima no kubisikanya ibihingwa cyane cyane akoresha ibinyampeke (ibigori, ingano,).

Indwara

b) Ramulariyoze: iyo ndwara ifata indabyo n'amababi iterwa n'agahumyo bita *Ramularia bellunensis*.

Ikimenyetso:
Iyo ndwara igaragazwa n'uko indabyo zibora.

Uko barwanya iyo indwara: umuhinzi atera amoko y'ibireti yihanganira iyo ndwara, guhinga neza bagirira isuku igihingwa, kubisikanya ibireti n'ikindi gihingwa (ibirayi); gutera ingemwe neza ahantu h'ubutaka buhitisha amazi.

9. Igihe byerera:

* Batangira gusarura nyuma y'amezi atatu bateye ibishibu.
* Mu Rwanda ni itegeko gutera bundi bushya buri mwaka.

10. Gusarura no guhunika:

* Nkuko byavuzwe haruguru, batangira gusarura nyuma y'amezi 3 bateye ibishibu.
* Umusaruro munini uboneka ni toni 3,5 z'indabyo mbisi kuri Ha. Nyuma y'amezi ya 6, bagakomeza gusarura no mu mezi 6 akurikira.
* Iyo indabyo zimaze kuma, bazibika ahantu humutse kandi hagerwa n'umwuka uhagije